REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°07/2018: **Mata igice cya1: 01–10 Mata 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Mata 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 1-10_Mata_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi ikageza ku kigero cyo hejuru ugereranyije n'isanzwe iboneka muri iyo minsi kuri buri bupimiro;
- **Imvura nyinshi yabonetse kuri buri bupimiro** muri iki gice cya mbere cya Mata_2018 ku buryo buri mu kigero kimwe hose; yatumye ubuhehere bukomeza kwiyongera hose mu gihugu
- **11-20_Mata_2018;** hateganyijwe **imvura** izaboneka mu bice byose by'igihugu; ikaba nyinshi mu burengerazuba ugereranyije n'ahandi mu gihugu

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cya Mata_2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuri buri bupimiro ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi bitewe n'urukurikirane rw'imvura yabonetse hose mu Rwanda

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Mata_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Mata_2018	01-10_Mata
Kigali	59.7	55.0
Rusizi (Kamembe)	98.7	55.5
Rubavu (Gisenyi)	79.4	52.9
Nyamagabe (Gikongoro)	158.0	39.7
Ngoma (Kibungo)	57.1	47.3
Gicumbi (Byumba)	105.8	51.3
Busogo	102.2	54.2
Bugarama	123.5	55.1
Musanze (Ruhengeri)	79.7	57.8
Gitega	129.6	57.0
Rubengera	70.0	36.9
Byimana	137.6	41.2
Kawangire	96.4	46.8
Nyagatare	73.6	17.9

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye 01-10_Mata_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-31_Werurwe_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Mata_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Mata



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Werurwe_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Werurwe



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Mata_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Mata; cyagaragaje ko imvura yabaye nyinshi hose mu gihugu kuri buri bupimiro (reba **Ikarita1&2** ndetse n**'Imbonerahamwe1**). Naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-31_Werurwe_2018; cyagaragaje imvura iri nyinshi mu majyepfo y'uburasirazuba, amajyepfo ndetse no mu gihugu hagati; ahandi hasigaye mu gihugu hagaragaye imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Werurwe.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Mata.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Werurwe kugeza 10_Mata_2018; ububobere bw'ubutaka bwariyongereye hose mu gihugu kubera urukurikirane rw'iminsi y'imvura yabonetse muri iki gice cya mbere cya Mata_2018 (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Mata_2018

Mu gice cya kabiri cya Mata_2018; hateganijwe imvura izagabanuka ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Mata_2018 ariko igakomeza kuba nyinshi mu burengerazuba (uku kugabanuka kuzanakomeza mu gice cya gatatu ari nacyo cya nyuma cy'uku kwezi; ku kigero kingana hose mu gihugu):

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Mata_2018



Ikarita7: Mata.2018 igice cya kabiri

Ikarita8: Mata.2018 igice cya gatatu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)